



REPUBLIKA Y'U RWANDA



# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KW'UGUSHYINGO 2021

10 Ukuboza 2021

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## **IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KW'UGUSHYINGO 2021**

Ikigo cy'ighugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kw'Ugushyingo 2021. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### **A. Ibiciro mu mijyi**

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 1% mu kwezi kw'Ugushyingo 2021 ugereranyije n' Ugushyingo 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa cumi (Ukwakira 2021) ryari ku kigereranyo kingana na 0,6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 1% mu kwezi kw'Ugushyingo ni ibiciro by'ibijyane n'ubwikorezi 3,8%, ibiciro by'uburezi byiyongereyeho 19,2% n'ibiciro by'amacumbi naho bafatira amafunguro byiyongereyeho 3,9%.

Iyo ugereranyije Ugushyingo 2021 n'Ugushyingo 2020, usanga ibiciro by'ibantu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byariyongereyeho 3,8%.

Wagereranya ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2021) n'ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2021), ibiciro byagabanutseho 0,5%. Iri gabonuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byagabanutseho 2,7%.

### **B. Ibiciro mu byaro**

Mu kwezi kw'Ugushyingo 2021, ibiciro mu byaro byagabanutseho 6,4% ugereranyije n'Ugushyingo 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cumi (Ukwakira 2021) ryari ku kigereranyo kingana na -6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 6,4% mu kwezi kw'Ugushyingo ni ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byagabanutseho 15.7%.

Ugereranyije ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2021) n'ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2021) ibiciro byagabanutseho 1,1%. Iri gabonuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 3,7%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kw'Ugushyingo 2021 ibiciro mu Rwanda byagabanutseho 3,4% ugereranyije n'Ugushyingo 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi (Ukwakira 2021) ryari ku kigereranyo kingana na -3,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 3,4% mu kwezi kw'Ugushyingo 2021 ni ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byagabanutseho 12,3%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2021) n'ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2021) ibiciro byagabanutseho 0,9%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byagabanutseho 3,4%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ugushyingo 2020 kugeza m'Ugushyingo 2021.**

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ugushyingo 2020 kugeza m'Ugushyingo 2021 ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije														
2020		2021												
		11	12	01	02	03	04	05	06	07	08	09	10	11
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi		4,2	3,7	2,8	1,6	2,0	2,4	-0,1	-0,2	-0,4	-0,6	-0,9	0,6	1,0
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro		4,7	4,1	4,0	2,7	1,5	3,0	0,7	0,3	-1,7	-2,8	-4,8	-6,0	-6,4
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda		4,5	3,9	3,5	2,2	1,7	2,7	0,4	0,1	-1,1	-1,8	-3,2	-3,3	-3,4
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi		-1,0	-0,8	-0,3	0,4	1,4	0,2	-0,5	-0,2	0,0	0,3	0,6	0,6	-0,5
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro		-0,7	-1,7	-1,2	0,5	1,4	-1,6	-2,5	0,2	-0,4	0,6	-0,1	-0,7	-1,1
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda		-0,8	-1,3	-0,8	0,5	1,4	-0,9	-1,6	0,0	-0,3	0,5	0,2	-0,1	-0,9
<i>Isoko: Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda</i>														

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: [www.statistics.gov.rw](http://www.statistics.gov.rw) /CPI Indexes

Email: [info@statistics.gov.rw](mailto:info@statistics.gov.rw)